GUSOBANUKIRWA ABANTU

Twe dukomeye tugomba guhaguruka tugafasha abandi bafite intege nkeya, tutishimisha twenyine.

IHAME RY' ICYUMWERU

Ese ni kuyihe mpamvu dushaka gusobanukirwa abantu? Ku bakiri bashya bizaturinda gushyamirana! Bizadufasha natwe gufasha no gutera abandi umwete bigaragara, kandi bizaduha umutima ubabarira. Iyo dusobanukiwe umuntu, ntabwo tubaciraho iteka bityo kandi biroroha no kubabarira.Dushobora kuba natwe twarageze mu gihe nkicyo barimo bityo tukabumva vuba maze tukabafasha kuva muri ibyo bihe bikomeye. Usanga twihangana iyo dusobanukiwe impamvu zabateye kwitwara nabi. Ibi rero bifitiye akamaro ubucuruzi/ umurimo, umuryango ndetse n' undi mubano wose.

Ibikenerwa byibanze birakundwa kandi bikishimirwa, ukumva ufite ituze, ukisanga, ndetse no kumva ko wageze kubyo wifuzaga no kumva ufite agaciro muri wowe. Ibi rero uzajye ubizirikana igihe cyose ukorana n' abantu, kandi utarobanura igihe waba ugezemo.

Iyo dufite umurimo, gusobanukirwa abakozi bacu bidufasha kubatera umwete bityo n' umusaruro ukiyongera. Muri make biri ngombwa ko gushima no kuzamurwa. Dukwiye kandi kumenya uko abaguzi bacu bateye; icyo bashaka ni mpamvu bagishaka. Icungamari rirangwa no gutera abantu umwete kugira ngo umurimo ukorwe neza. Birakomeye rero gutera abantu umwete iyo tudasobanukiwe ibyo bakeneye by' ibanze.kumeya imbaraga zabo n' intege zabo nke nabyo bizadufasha kumenya imirimo ibakwiye. Ikipe nziza usanga igizwe n' abantu batandukanye bafite impano zitandukanye. Intege nkeya kuri umwe zigomba kuzamurwa n' imbaraga za mugenzi we. Iyo tumaze gusobakirwa impamvu abantu bakora ibyo bakora ni mpamvu bameze uko bameze, aho ngaho tumenya uko tubegera maze tukabasaba kwikosora.

Iyo dufite gusobanukirwa muritwe biduha n' imyumvire yo kubabarira. Iyo dusobanukiwe abandi nibyo baciyemo, kubabarira biratworohera. Muri rusange, abantu bashaka kuba beza, ariko ibihe bacamo hamwe n' igitutu baterwa n' ubuzima kigenda kigabanya ibyiringiro ndetse ni nzozi zabo. Akenshi bumva bashaririwe igihe cyose bamaze guhubuka. Ibi rero bikaba biduhaye akanya ko kubaha ijambo ry' ubwenge. Igihe cyiza cyo kuzamura abantu ni igihe bacitse intege; usanga bafite umutima wakira kandi bagatega amatwi neza bakumva.

INYUNGU

1. Ubuzima buzarangwa n' amahoro kuko tuba twarasobanukiwe imiterere y' abantu mu buzima bwacu bityo bikavanaho amakimbirane n' amananiza.
2. Tuzagira ubushobozi bwo gutera abandi umwete bityo dufashe abantu kuyobora abandi.
3. Kumenya imbaraga n' intege nke z' abantu bidufasha gufatanya nabo ku buryo bufatika.
4. Bizadufasha kandi kugabira abantu imirimo dukurikije ubushobozi bwabo. Hazavuka ingaruka zikomeye turamutse dushyize abantu ku mirimo itabakwiriye.

INTAMBWE ZIKURIKIZWA

1. Ha agaciro abantu.
2. Tega amatwi wumve kugira ngo wirinde urujijo.

Inzira ni mikorere yo GUSOBANUKIRWA ABANTU

3. Sobanukirwa aho abantu bari ndetse nibyo baciyemo.
4. Menya kandi usobanukirwe uko abantu barakara.
5. Menya kandi ushimire impano ya buri muntu. Nuramuka rero ubahaye umurimo ujyanye ni mpano zabo bazatanga ibisubizo byiza.
6. Zamura abantu mu gihe bacitse intege/ baguye. Kuko iki nicyo gihe baba bakeneye uwabafasha .

Iyo dusobanukiwe abantu, ubuzima buroroha kandi inyiturano ikatwizanira, maze isi yacu ikaguka. Iyo tutifuza gusobanukirwa n'imiterere y'abantu usanga twahuye n' ingorane nyinshi bityo tugahora dushinja abantu. Dore ko amaherezo ari twebwe bibabaza gusa. Amakimbirane menshi avuka kubera ko ntabwo twese tuba twumvikana. Iyemeze inshingano yo gusobanukirwa n' imiterere y' abantu. Bizaguha amahoro muri iyi si yuzuye imiruho n' amakimbirane/ amatiku. Nituramuka rero dukoresheje za ngingo enye ziyobora abantu, tuzaba abayobozi beza.

Abantu bafite ubushobozi hamwe n' uburakari bunyuranye ; ibi nibyo bidutandukanya twese. Buri kimwe gifite umwanya wacyo mu buzima maze natwe tugomba gushaka uwo mwanya. Ingofero imwe ntabwo yakwira bose. Kuba ahantu hatakubereye hashobora kukwangiza, iyo uri ahantu hakwiye ubuzima burushaho gusobanuka.

IBAZE KANDI USUBIZE

1. Ese waba warungutse iki ku muntu wafashe umwanya we maze akakumva neza?
2. Ese cyaba ari iki gitera abantu umwete?
3. Ese waba usobanukiwe bingana iki abantu mubanye mu buzima/ muhorana?

Ibuka....Intekerezo zibyara ibikorwa, Ibikorwa bibyara ingeso, Ingeso zirema kamere, yacu Nuko kamere igena ejo hacu hazaza!

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota?										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame??										
Ingengabihe kw' ihame usoma buri munsi	M	T	W	T	F	S	S			